Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n°22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho Sitati Rusange igenga Abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 17, iya 24 n'iya 35;

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on General Statutes for Rwanda Public Service, especially in Articles 17, 24 and 35;

Vu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise, spécialement en ses articles 17, 24 et 35 ;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;

On proposal by the Minister of Trade and Industry;

Sur proposition du Ministre du Commerce et de l'Industrie;

Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 29/01/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 29/01/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 29/01/2010;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE :

Ingingo va mbere : Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Uhoraho

Article One : Appointment of a Permanent Secretary

Article premier : Nomination d'un Secrétaire Permanent

Bwana HATEGEKA Emmanuel agizwe Umunyamabanga Uhoraho muri Minisitiri

Mr. HATEGEKA Emmanuel is appointed Permanent Secretary in the Ministry of Trade and

Monisieur HATEGEKA Emmanuel est nommé Secrétaire Permanent au Ministère du Commerce

Official Gazette n°14 of 05/04/2010

y'Ubucuruzi n'Inganda.

Industry.

et de l'Industrie.

Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri Teka

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

Article 2: Autorités chargées de l'exécution du présent Arrêté

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo basabwe kubahiriza iri Teka.

The Minister of Trade and Industry and the Minister of Public Service and Labour are entrusted with the implementation of this Order.

La Ministre du Commerce et de l'Industrie et le Ministre de la Fonction Publique et du Travail sont chargés de l'exécution du Présent Arrêté.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka.

Article 3: Repealing of inconsistent provisions

Article 3 : Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au Présent Arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4 : Entrée en vigueur

Iri Teka ritangira gukurikizwa umunsi rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera kuwa 29/01/2010.

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as for 29/01/2010.

Le Présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 29/01/2010.

Kigali, kuwa **25/03/2010**

Kigali, on **25/03/2010**

Kigali, le **25/03/2010**

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

(sé)

NSANZABAGANWA Monique
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

(sé)

NSANZABAGANWA Monique
Minister of Trade and Industry

(sé)

NSANZABAGANWA Monique
Ministre du Commerce et de l'Industrie

(sé)

(sé)

(sé)

Official Gazette n°14 of 05/04/2010

MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

MUREKEZI Anastase
Minister of Public Service and Labour
Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

MUREKEZI Anastase
Ministre de la Fonction Publique et du Travail
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°17/03 RYO KUWA 25/03/2010
RISHYIRAHU UMUYOBOZI
WUNGIRIJE W'IKIGO CY'IGIHUGU
GISHINZWE GUTEZA IMBERE
AMAKOPERATIVE (RCA)

PRIME MINISTER'S ORDER N° 17/03
OF 25/03/2010 APPOINTING THE
DEPUTY DIRECTOR OF THE RWANDA
COOPERATIVE AGENCY (RCA)

ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°17/03 DU 25/03/2010 PORTANT
NOMINATION DU DIRECTEUR ADJOINT
DE L'AGENCE RWANDAISE DES
COOPERATIVES (RCA)

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho
ry'Umuyobozi Wungirije

Article One: Appointment of the Deputy
Director

Article premier: Nomination du Directeur
Adjoint

Ingingo ya 2: Ushinzwe kubahiriza iri Teka

Article 2: Authority responsible for the
implementation of this Order

Article 2: Autorité chargé de l'exécution du
Présent Arrêté

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo
zinyuranyije n'iri Teka

Article 3: Repealing of inconsistent
provisions

Article 3: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 4: Igihe iteka ritangira
gukurikizwa

Article 4: Commencement

Article 4: Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE
N°17/03 RYO KUWA 25/03/2010
RISHYIRAHU UMUYOBOZI
WUNGIRIJE W'IKIGO CY'IGIHUGU
GISHINZWE GUTEZA IMBERE
AMAKOPERATIVE (RCA)**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°17/03
OF 25/03/2010 APPOINTING THE
DEPUTY DIRECTOR OF THE RWANDA
COOPERATIVE AGENCY (RCA)**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE
N°17/03 DU 25/03/2010 PORTANT
NOMINATION DU DIRECTEUR ADJOINT
DE L'AGENCE RWANDAISE DES
COOPERATIVES (RCA)**

Minisitiri w'Intebe,

The Prime Minister,

Le Premier Ministre,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 88, iya 89, iya 118, iya 119, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 88, 89, 118, 119, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 88, 89, 118, 119, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009 ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 4;

Pursuant to the Organic Law n° 06/2009 of 21/12/2009 establishing general provisions governing Public Institutions, especially in its Article 4;

Vu la loi Organique n° 06/2009 du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux Etablissements Publics, spécialement en son article 4;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;

On proposal by the Minister of Trade and Industry;

Sur proposition de la Ministre du Commerce et de l'Industrie;

Inama y'Abaminisitiri yo kuwa 10/02/2010, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 10/02/2010;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 10/02/2010;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

Ingingo ya mbere: Ishyirwaho ry'Umuyobozi Wungirije

Bwana HABYARIMANA Gilbert agizwe Umuyobozi Wungirije w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative (RCA).

Ingingo ya 2: Abashinzwe kubahiriza iri Teka

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo basabwe kubahiriza iri Teka.

Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri Teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Iri Teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Agaciro karyo gahera kuwa 10/02/2010.

Article One: Appointment of the Deputy Director

Mr. HABYARIMANA Gilbert is appointed Deputy Director of the Rwanda Cooperative Agency (RCA).

Article 2: Authorities responsible for the implementation of this Order

The Minister of Trade and Industry and the Minister of Public Service and Labour are entrusted with the implementation of this Order.

Article 3: Repealing of inconsistent provisions

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. It takes effect as of 10/02/2010.

Article premier: Nomination du Directeur Adjoint

Monsieur HABYARIMANA Gilbert est nommé Directeur Adjoint de l'Agence Rwandaise des Coopératives (RCA).

Article 2: Autorités chargés de l'exécution du présent Arrêté

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie et le Ministre de la Fonction Publique et du Travail sont chargés de l'exécution du Présent Arrêté.

Article 3: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au Présent Arrêté sont abrogées.

Article 4: Entrée en vigueur

Le Présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. Il sort ses effets à partir du 10/02/2010.

Kigali, kuwa 25/03/2010

Kigali, on 25/03/2010

Kigali, le 25/03/2010

(sé)
MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)
MAKUZA Bernard
Premier Ministre

(sé)
NSANZABAGANWA Monique
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

(sé)
NSANZABAGANWA Monique
Minister of Trade and Industry

(sé)
NSANZABAGANWA Monique
Ministre du Commerce et de l'Industrie

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minister of Public Service and Labour

(sé)
MUREKEZI Anastase
Ministre de la Fonction Publique et du
Travail

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**
(sé)

**Seen and sealed with the Seal of the
Republic:**

Vu et scellé du Sceau de la République:

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera /Intumwa Nkuru ya
Leta

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice /Attorney General

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

Official Gazette n°14 of 05/04/2010

ITEKA RYA MINISITIRI N°117/11 RYO KUWA 04/09/2008 RIHA UBUZIMAGATOZI “URUGAGA RW’AMASHYIRAHAMWE AKINA KARATE MU RWANDA (FERWAKA)” KANDI RYEMERA ABAVUGIZI BARWO

Minisitiri w’Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 120 n’iya 121 ;

Ashingiye ku Itegeko n°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 8, iya 9, iya10 n’iya 20 ;

Amaze kubona Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo kuwa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y’Abaministiri yemezwa atanyuze mu Nama y’Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere ;

MINISTERIAL ORDER N°117/11 OF 04/09/2008 GRANTING LEGAL STATUS TO THE “RWANDA KARATE FEDERATION (FERWAKA)” AND APPROVING ITS LEGAL REPRESENTATIVES

The Minister of Justice/ Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 4 June 2003, as amended to date, especially in Articles 120 and 121;

Pursuant to Law n°20/2000 of 26/07/2000, relating to Non Profit Making Organisations, especially in Articles 8, 9, 10 and 20;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in the Article One;

ARRETE MINISTERIEL N° 117/11 DU 04/09/2008 PERSONALITE CIVILE A LA “FEDERATION RWANDAISE DE KARATE (FERWAKA)” ET PORTANT AGREMENT DE SES REPRESENTANTS LEGAUX

Le Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux,

Vu Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses article 120 et 121 ;

Vu la loi n°20/2000 du 26/07/2000 relative aux associations sans but lucratif, spécialement en ses articles 8, 9, 10 et 20 ;

Considérant l’Arrête Présidentiel n°27/01 du 18/07/2004 déterminant certains Arrêtes Ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier ;

Official Gazette n°14 of 05/04/2010

Abisabiwe n'Umuvugizi w'Urugaga rw'Amashyirahamwe akina Karate mu Rwanda (FERWAKA)" mu rwandiko rwe rwakiriwe kuwa 29/05/2008 ;

ATEGETSE :

Ingingo ya mbere : Izina n'Icyicaro by'Umuryango

Ubuzimaatozi buhawe "Urugaga rw'Amashyirahamwe akina Karate mu Rwanda (FERWAKA) " rufite icyicaro cyarwo i Nyarugenge, mu Karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 2: Intego z'umuryango

Umuryango ugamije:

- Guteza siporo imbere mu Rwanda, by'umwihariko umukino njarugamba n'uburyo bundi bwo kurwana no guhiganwa bwaturutse mu Buyapani buzwi ku izina rya "karate" hatitaweho za styles;

Upon request lodged by the Legal Representative of the Association "Rwanda Karate Federation (FERWAKA)" on 29/05/2008;

HEREBY ORDERS

Article One: Name and Headquarters of the Association

Legal status is hereby granted to the "Rwanda Karate Federation (FERWAKA) that is situated in Nyarugenge Sector, Nyarugenge District, Kigali City.

Article 2: Objective of the Association

The Association has the following objectives:

- Promoting sports in Rwanda in Rwanda in general ,and in particular the practice of the martial art, technique and combat sports of Japanese origin commonly known as " Karate" without any distinction of styles ;

Sur requête du Représentant Légal de l'Association "Fédération Rwandaise de Karaté (FERWAKA) reçue le 29/05/2008 ;

ARRETE :

Article premier : Dénomination et siège de l'Association

La personnalité civile est accordée à l'Association Fédération Rwandaise de Karaté (FERWAKA), sise à Nyarugenge, District de Nyarugenge, Ville de Kigali.

Article 2 : Objet de l'Association

L'Association a pour objet de :

- La promotion du sport au Rwanda en général et en particulier la pratique de l'art, technique et sport de combat d'origine japonaise dit " karaté" sans distinction de styles ;

Official Gazette n°14 of 05/04/2010

- Guhuriza hamwe amashyirahamwe yose akina Karate mu Rwanda, kuyavuganira no kuyavugira imbere y'ubutegetsi bw'u Rwanda, cyangwa ahandi hose, hamwe no kubungabunga inyungu rusange aho ziri hose ;
- Gushyiragikira ishyirahamwe ryose rishaka gukina umukino wa Karate mu Rwanda n'iyindi mikino bijyana; babafasha kubona ibyangombwa bisabwa n'amategeko ;
- Gushyiraho amabwiriza ya tekiniki agomba gukurikizwa mu iterambere rya karate mu Rwanda hakurikijwe amabwiriza mpuzamahanga yemewe muri tekiniki.

Ingingo ya 3 : Abavugizi b'umuryango

Uwemerewe kuba Umuvugizi w'Urugaga rw'Amashyirahamwe akina Karate mu Rwanda (**FERWAKA**) ni Bwana UWAYO Théogène, Umunyarwanda uba i Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge Umujyi wa Kigali.

- Unification of all sports associations practicing karate in Rwanda, being their representative and advocate in Rwanda and elsewhere, looking after their common interests wherever they are;
- Associating with any club which desires to practice karate in Rwanda and other affiliated disciplines by assisting them in obtaining all the authorizations required by the law;
- Setting technical guidelines to be followed in the development of karate in Rwanda following international technical standards.

Article 3: The Legal Representatives

Mr UWAYO Theogene, of Rwandan Nationality, residing in Nyarugenge Sector, Nyarugenge District, in Kigali City, is hereby authorized to be the Legal Representative of the 'Rwanda Karate Federation (**FERWAKA**)'.

- Réunir toutes les associations sportives pratiquant le Karaté au Rwanda, être leur porte parole leur avocat auprès des autorités du Rwanda et ailleurs, ainsi que sauvegarder leurs intérêts communs ou qu'ils soient ;
- Associer tout club de Karaté au Rwanda et les autres disciplines affiliées, en les autres assistant dans l'obtention des autorisations requises par la loi ;
- Etablir les directives techniques à suivre pour le développement du karaté au Rwanda sur base des normes techniques internationales reconnues.

Article 3: Les Représentants Légaux

Est agréé en qualité de Représentant Légal de la 'Fédération Rwandaise de Karaté (**FERWAKA**)' Monsieur UWAYO Théogène, de nationalité rwandaise, résidant à Nyarugenge, District de Nyarugenge, Ville de Kigali.

Official Gazette n°14 of 05/04/2010

Uwemerewe kuba Umuvugizi Wungirije w'urwo Rugaga ni KARAMAGA Barnabé, Umunyarwanda uba mu Murenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

Ingingo ya 4: Igihe Iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 04/09/2008

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Mr KARAMAGA Barnabé of Rwandan nationality, residing in Kacyiru Sector, Gasabo District, in Kigali City is hereby authorized to be the Deputy Legal Representative of the same Federation.

Article 4: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 04/09/2008

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Minister of Justice/Attorney General

Est agréé en qualité de Représentant Légal Suppléant de la KARAMAGA Barnabé, de nationalité rwandaise rwandaise, résidant à Kacyiru, District de Gasabo, Ville de Kigali

Article 4 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 04/09/2008

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse

Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

**UMURYANGO UDAHARANIRA
INYUNGU : URUGAGA
RW'AMASHYIRAHAMWE AKINA
KARATE MU RWANDA « FERWAKA »**

AMATEGEKO SHINGIRO

UMUTWE WA MBERE:
IZINA, ICYICARO, IGIHE N'INTEGO

Ingingo ya mbere :

Abashyize umukono kuri iyi nyandiko bashinze umuryango udaharanira inyungu witwa « URUGAGA RW'AMASHYIRAHAMWE AKINA KARATE MU RWANDA asbl », FERWAKA mu magambo ahinnye y'igifaransa, ugengwa n'aya mategeko shingiro hamwe n'Itegeko N°20/2000 ryo kuwa 26/07/2000 ryerekeye imiryango idaharanira inyungu, hamwe n'Itegeko N°05/1987 ryo kuwa 18 /02/1987 rigenga siporo n'imyidagaduro mu Rwanda.

Ingingo ya 2:

Icyicaro cy'umuryango gishyizwe mu Muji wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge, Umurenge wa Nyarugenge, agasanduku k'i posita N°2099 Kigali. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda byemejwe n'Inteko Rusange.

**ASSOCIATION SANS BUT LUCRATIF :
FEDERATION RWANDAISE DE
KARATE « FERWAKA »**

STATUTS

CHAPITRE PREMIER :
DENOMINATION, SIEGE,
DUREE ET OBJET

Article premier :

Il est constitué entre les soussignés, une association sans but lucratif dénommée'' « FEDERATION RWANDAISE DE KARATE asbl », FERWAKA en sigle français, régie par les présents statuts et par la loi N°20/2000 du 26/07/2000 relative aux Associations sans but lucratif ainsi que la loi N°05/1987 du 18/02/1987 portant organisation des sports et loisirs au Rwanda.

Article 2:

Le siège de l'association est établi dans la Ville de Kigali, District de Nyarugenge, Secteur de Nyarugenge, boîte postale N° .2099 Kigali. Il peut néanmoins être transféré sur une autre localité de la République du Rwanda sur Décision de l'Assemblée Générale.

**NON PROFIT MAKING
ORGANISATION :
RWANDA KARATE FEDERATION
« FERWAKA »**

CONSTITUTION

CHAPTER ONE:
NAME, HEAD OFFICE, DURATION AND
OBJECTIVES

Article One:

The under-designed convene to create a non profit making association named "RWANDA KARATE FEDERATION 'asbl FERWAKA in French abbreviation, governed by the present constitution and by the Law N°20/2000 of 26/07/2000 relating to Non Profit making Organisations, together with the Law N°05/1987 of 18/02/1987 regulating sports and leisure in Rwanda.

Article 2:

The registered office of the organization is located in Kigali City, Nyarugenge District, Sector; Post Office Box N°.2099 Kigali. It may however be shifted to any place in Rwanda upon decision of the General Assembly.

Ingingo ya 3 :

Umuryango ukorera akazi kawo mu Rwanda hose, igihe uzamara ntabwo kigenwe.

Ingingo ya 4 :

Umuryango ugamije:

1. Guteza siporo imbere mu Rwanda, by'umwihariko umukino njarugamba, n'uburyo bundi bwo kurwana no guhiganwa bwaturutse mu buyapani buzwi kw'izina rya "KARATE" hatitaweho za styles,
2. Guhuriza hamwe amashyirahamwe yose akina karate mu Rwanda, kuyavuganira no kuyavugira imbere y'ubutegetsi bw'u Rwanda cyangwa ahandi hose, hamwe no kubungabunga imyungu rusange zayo ano ziri hose;
3. Gushyigikira ishyirahamwe ryose rishaka gukina umukino wa karate mu Rwanda n'iyindi mikino bijyana, babafasha kubona ibyangombwa bisabwa n'amategeko.
4. Gushyiraho amabwiriza ya tekini agomba gukurikizwa mu iterambere rya karate mu Rwanda hakurikijwe amabwiriza mpuzamahanga yemewe muri tekini.

Article3:

L'association exerce ses activités sur tout le territoire rwandais. Elle est créée pour une durée indéterminée.

Article 4 :

L'association a pour objet :

1. La promotion du sport au Rwanda en général et en particulier la pratique de l'art, technique et sport de combat d'origine japonaise dit "Karaté", sans distinction de styles,
2. Réunir toutes les associations sportives pratiquant le karaté au Rwanda, être leur porte-parole et leur avocat auprès des autorités du Rwanda et ailleurs ainsi que sauvegarder leurs intérêts communs ou qu'ils soient ;
3. Associer tout club de karaté qui le désire à la pratique du karaté au Rwanda et les autres disciplines affiliées en les assistant dans l'obtention des autorisations requises par la loi ;
4. Etablir les directives techniques à suivre pour le développement du karaté au Rwanda sur base des normes techniques internationalement reconnues.

Article 3 :

The organization shall carry out its activities all over the Rwandan territory. It is created for an undetermined duration.

Article 4:

The association aims at:

1. Promoting sports in Rwanda in general, and in particular the practice of the martial art, technique and combat sports of Japanese origin commonly known as "Karate", without any distinction of styles.
2. Unification of all sports associations practicing karate in Rwanda, being their representative and advocate towards the authorities in Rwanda and elsewhere, looking after their common interests wherever they are;
3. Associating any club which desires it to the practice of karate in Rwanda and other affiliated disciplines by assisting them in obtaining all the authorizations required by the Law;
4. Setting the technical guidelines to be followed in Rwanda following international technical standards.

UMUTWE WA II
ABANYAMURYANGO

Ingingo ya 5:

Urugaga rugizwe n'abanyamuryango barushinze hamwe n'abanyamuryango barwinjirimo.

Abashinze urugaga ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Abarwinjiramo ni ababisaba mu nyandiko nyuma y'ishingwa ry'urugaga, bakiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n'Intego Rusange.

Abanyamuryango b'Urugaga ntibashobora kuba abantu ku giti cyabo. Ahubwo ni amashyirahamwe adaharanira inyungu akina karate kandi afite ubuzima gatozi.

Buri shyirahamwe rivugirwa mu rugaga n'umuntu urihagarariye imbere y'amategeko.

Ingingo ya 6:

Abashinze Urugaga n'abarwinjiramo bose ni abanyamuryango nyakuri. Biyemeza kugira uruhare mubikorwa byose by'urugaga. Baza mu nama z'inteko rusange bafite uburenganzira bwo gutora, kandi bagomba gutanga umusanzu ugengwa n'Inteko Rusange.

CHAPITRE II
DES MEMBERS

Article 5:

La fédération est composée de membres fondateurs et de membres adhérents.

Sont membres fondateurs les signataires des présents status. Sont membres adhérents ceux qui, sur demande écrite, en font la demande après avoir souscrit aux présents status, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Par définition, les membres de la fédération ne peuvent être des personnes physiques. ce sont des associations sans but lucratif pratiquant le karaté et ayant obtenu la personnalité juridique

Chaque association est représentée au sein de la Fédération par son Représentant Légal.

Article 6

Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de la Fédération. Ils prennent l'engagement de participer à toutes les activités de la Fédération. Ils assistent aux réunions de l'Assemblée avec voix délibérative et doivent verser la cotisation fixée par l'Assemblée Générale.

CHAPTER II
MEMBERSHIP

Article 5:

The Federation is composed of founding members and adherent members

Founding members are the signatories of those constitutions. Adherent members are those who, upon a written request done after the constitution of the Federation and after having subscribed to this constitution, are agreed by the General Assembly.

By definition, members cannot be physical persons. Members of the Federation are non profit making associations practicing karate and having obtained legal status.

Each member association is represented in the Federation by its Legal Representative.

Article 6

Founding members and adherent member's constitute the effective membership of the Federation. They are committed to actively participate in all activities of the federation. They attend the meetings of the General Assembly with the right to vote and must pay the membership contribution decided by the General Assembly.

Ingingo ya 7

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zoherezwa Perezida wa Komite Nyobozi y'urugaga, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 8:

Gutakaza ubunyamuryango biterwa n'gusezera ku bushake, kwirukanwa, gutakaza uburenganzira bwo kuba ishyirahamwe ridagaranira inyungu ku munyamurungo, cyangwa guseswa k'urugaga.

Usezeye ku bushake yandikira Perezida w'urugaga, bikemezwa n'Inteko Rusange.

Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bw'amajwi 2/3, iyo umunyamuryango atacyubahiriza aya mategeko shingiro cyangwa andi mabwiriza mbonezamubano y'umuryango cyangwa andi mategeko y'igihugu.

Article 7

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif de la Fédération et sont soumises à l'approbation de l'Assemblée Générale.

Article 8

La qualité de membre se perd par la démission volontaire, l'exclusion, la perte de la personnalité juridique du membre, ou la dissolution de la Fédération.

La démission volontaire est adressée par écrit au Président du comité Exécutif de la Fédération et soumise à l'approbation de l'Assemblée Générale.

L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité des 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts ou au règlement d'ordre intérieur ou aux autres lois en vigueur dans le pays.

Article 7 :

Applications for membership are addressed to the president of the Executive Committee of the Federation and are submitted to the approval of the General Assembly.

Article 8:

Loss of membership is caused by voluntary resignation, exclusion, loss of legal status by the member or by the dissolution of the Federation.

Voluntary resignation is written and addressed to the President of the Executive Committee of the Federation and is approved by the General Assembly.

Exclusion is adopted by the General Assembly upon the 2/3 majority votes against any member who no longer conforms to this constitutions of the Federation or to other applicable laws.

UMUTWE WA III: IBYEREKEYE INZEGO

Ingingo ya 9:

Inzego z'urugaga ni: Inteko Rusange, Komite Nyobozi, n'Ubugenzuzi bw'Imari.

Igice cya mbere: Ibyerekeye Inteko Rusange

Ingingo ya 10:

Inteko Rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'urugaga. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

Ingingo ya 11:

Inama rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi. Yaba adahari cyangwa atabonetse bigakorwa na Visi Perezida.

Igihe Perezida na Visi Perezida badahari cyangwa batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa mu nyandiko isinyweho nibura na kimwe cya kabiri cy'abanyamuryango nyakuri. Icyo gihe, abagize Inteko bitoramo Perezida w'Inama.

CHAPITRE III: DES ORGANES

Article 9:

Les organes de la Fédération sont: L'Assemblée Générale, le Comité Exécutif, et le Commissariat aux Comptes.

Section première : De l'Assemblée Générale

Article 10 :

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de la Fédération. Elle composée de tous les membres effectifs de la Fédération.

Article 11 :

L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par le Président du Comité Exécutif ou en cas d'absence ou d'empêchement par le Vice Président.

En cas d'absence, l'empêchement, ou de défiance simultanés du Président et du Vice Président, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par la moitié des membres effectifs au moins. Dans ce cas, l'Assemblée élit en son sein un Président.

CHAPTER III : THE ORGANS

Article 9:

The organs of the Federation are: The General Assembly, the Executive Committee, and the Auditing Committee.

Section One: The General Assembly

Article 10:

The General Assembly is the supreme body of the Federation. It is composed of all effective members of the Federation.

Article 11

The General Assembly is convened and chaired by the President of the Executive Committee or by the Vice President in case of absence or incapacity.

In case both the President and the Vice President are absent or fail to convene it, the General Assembly is called upon by a written invitation signed by at least half the effective members. In such case, the present members elect among themselves a Chairman for the session.

Ingingo ya 12:

Inteko Rusange iterana 1 mu mwaka mu nama isanzwe. Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibiyigwa zigezwa ku ba nyamuryango nibura iminsi 15 mbere y'uko inama iterana.

Ingingo ya 13

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo nibura 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari.

Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira. icyo gihe Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo hatitawe ku mubare w'abaje.

Ingingo ya 14:

Inteko Rusange idasanzwe iterana buri gihe bibaye ngombwa. Ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe n'ubw'Inteko Rusange isanzwe.

Inteko Rusange idasanzwe itumizwa mu minsi irindwi (7) ariko ishobora kumanurwa ku minsi itatu (3) iyo hari ikibazo kihutirwa cyane. Iyo nama yiga gusa ikibazo cyateganijwe mu butumire.

Article 12:

L'Assemblée Générale se réunit une fois par an en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour sont remises aux membres au moins 15 jours avant la réunion.

Article 13 :

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres effectifs sont présents.

Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de quinze (15) jours. Dans ce cas, elle siège et délibère valablement quelque soit le nombre de participants.

Article 14

L'Assemblée Générale extraordinaire ne se réunit chaque fois que de besoin. Elle est régie par les mêmes modalités de convocation et de direction que l'Assemblée Générale ordinaire.

Elle est convoquée dans les sept (7) jours qui peuvent être ramenés à trois (3) en cas d'extrême urgence. Les débats ne se limitent que sur le point à l'ordre du jour.

Article 12 :

The General Assembly gathers once a year in ordinary session. Invitation letters containing the agenda are transmitted to the members at least 15 days prior to the meeting.

Article 13

The General Assembly seats and takes valid resolution when at least 2/3 of the effective members are present.

If that quorum is not reached, a second meeting is convened within the next fifteen (15) days. In such case, the General Assembly seats and takes decisions regardless of the number of the participants.

Article 14

The extraordinaire General Meeting is convened as often as deemed necessary. It is convened and chaired under the same modalities as for the ordinary one.

It is convened within seven (7) days that can be reduced to three (3) in case of extreme emergency. Debates shall only deal with the matter on the agenda.

Ingingo ya 15:

Uretse ibiteganywa ukundi n'amategeko agenga imiryango idaharanira inyungu hamwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angina, irya Perezida rigira uburemere bw'amajwi abiri.

Ingingo ya 16:

Inteko Rusange ifite ububsha bukurikira:

- Kwemeza no guhindura amategeko ngengamikorere;
- Gutora no kuvanaho abagize Komite Nyobozi;
- Kwemeza ibyo urugaga ruzakora;
- Kwemeza, guhagarika, no kwirukana umunyamuryango;
- Kwemeza buri mwaka imicungire y'imari;
- Kwemera impano n'ingagano;
- Gusesa umuryango.

Article 15:

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux associations sans but lucratif et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité des voix, celle du Président compte double.

Article 16

L'Assemblée Générale est dotée des pouvoirs ci-après :

- adopter et modifier les statuts ainsi que le règlement d'ordre intérieur ;
- élire et révoquer les membres du Comité Exécutif ;
- déterminer les activités de la Fédération ;
- admettre, suspendre ou exclure un membre ;
- approuver les comptes annuels;
- accepter les dons et legs ;
- dissoudre la Fédération.

Article 15 :

Except for the cases specifically provided for the Law governing non profit organizations or by the present constitution, the resolutions of the General Assembly have validity of votes. In case of equal votes, the President's vote counts double.

Article 16

The General Assembly has the following powers:

- To adopt and modify the constitution and internal regulations of the Federation;
- to appoint and to dismiss the Executive Committee;
- To state on the Federation's activities;
- to admit, to suspend and to exclude a members;
- to approve the yearly accounts;
- to accept grants and inheritances;
- to dissolve the Federation.

Igice cya kabiri: Ibyerekeye Komite Nyobozi

Ingingo ya 17:

Komite Nyobozi igizwe na:

- Perezida, akaba n'Umuvugizi w'Urugaga;
- Visi Perezida akaba n'Umuvugizi w'urugaga Wungirije;
- Visi Perezida wa kabiri;
- Umunyamabanga;
- Umunyamabanga Wungirije;
- Umubitsi;
- Umubitsi Wungirije.

Ingingo ya 18:

Abagize Komite Nyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri ku bwiganze busesuye bw'amajwi. Igihe cyabo cyo kuyobora kimara imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.

Umuvugizi wa buri shyirahamwe rigize urugaga niwe utanga amazina y'abiyamamaza baturuka mu ishyirahamwe avugira.

Ingingo ya 19:

Komite Nyobozi iterana igihe bibaye ngombwa, ariko byanze bikunze rimwe mu gihembwe, ihamagawe na Perezida, yaba adahari cyangwa atabonetse bigakorwa na Visi Perezida.

Deuxième section: Du Comité Exécutif

Article 17:

Le Comité Exécutif est composé du :

- Président, qui est le Représentant Légal de la Fédération ;
- Premier Vice Président, qui est le Représentant Légal Adjoint ;
- Deuxième Vice Président ;
- Secrétaire ;
- Secrétaire Adjoint ;
- Trésorier ;
- Trésorier Adjoint.

Article 18 :

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des voix pour un mandat de trois (3) ans renouvelable.

Le Représentant Légal de chaque association membre soumet les noms des candidats de son club pour les postes en ballottage.

Article 19 :

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction de son Président ou de son Vice Président en cas d'empêchement du premier.

Section Two : The Executive Committee

Article 17:

The Executive Committee is composed

- The President, at the same time Legal Representative of the Federation;
- The 1st Vice President; at the same time Deputy Legal Representative;
- The 2nd Vice President;
- The Secretary;
- The Vice Secretary;
- The Treasurer;
- The Vice Treasurer.

Article 18

The members of the Executive Committee are elected by the General Assembly among the effective members to the absolute majority votes for a three (3) years renewable term.

The Legal Representative of each member association hands in the names of the candidates from his club desiring to compete for the positions in race.

Article 19:

The Executive Committee gathers as often as needed but obligatory once every three months. It is convened and chaired by the President or the Vice President in case of absence or the former.

Official Gazette n°14 of 05/04/2010

Komite Nyobozi iterana ku buryo bufite agaciro iyo hari nibura 2/3 by'abayigize. Ibyemezo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busanzwe bw'amajwi ibyo hatabayeho ubwumvikane. Iyo amajwi angina irya Perezida rivunja abiri.

Ingingo ya 20:

Komite Nyobozi ishinzwe :

- gushyira mu bikorwa ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;
- Kwita ku micungire ya buri muni y'urugaga;
- gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye;
- gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;
- gushikiriza Inteko Rusange ingingo z'amategeko n'amabwiriza ngenamikorere zigomba guhindurwa;
- gutegura inama z'Inteko Rusange;
- gushakisha inkunga z'amafaranga mu bagiraneza;
- gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi b'urugaga bo mu nzego z'imirimo zinyuranye.

Le Comité Exécutif siège valablement avec au moins 2/3 des membres présents. Ses décisions sont prises à la majorité simple des voix lorsqu'il n'y a pas de consensus. En cas de parité des voix, celle du Président compte double.

Article 20 :

Le Comité Exécutif est chargé de :

- exécuter les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale ;
- s'occuper de la gestion quotidienne de la fédération ;
- rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé ;
- élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale ;
- Proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au règlement d'ordre intérieur ;
- Préparer les sessions de l'Assemblée Générale ;
- Négocier les financements avec les partenaires ;
- Recruter, nommer et révoquer le personnel de divers services de la fédération.

Its meeting is valid when at least 2/3 of the members are present. Its resolutions are valid when voted by the simple majority of votes in case no consensus was reached. In case of equal votes, the President's vote counts double.

Article 20

The Executive Committee has the following duties:

- to execute the decisions of the General Assembly;
- to deal with the day to day management of the Federation;
- to elaborate budget provisions to submit to the approval of the General Assembly;
- to propose to the General Assembly all the amendments to the constitution and the internal regulations;
- To prepare the sessions of the General Assembly;
- to negotiate funding with partners;
- to recruit, appoint and dismiss staff working for the Federation.

Igice cya gatatu: Ubugenzuzi bw'imari

Ingingo ya 21:

Inteko Rusange ishira buri mwaka abagenzuzi b'imari bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'urugaga no kubikorera raporo.

Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko by'ibaruramari by'umutungo ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE UMUTUNGO W'URUGAGA

Ingingo ya 22:

Urugaga rushobora gutira no gunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa rukeneye kugirango rugere ku ntego zarwo.

Ingingo ya 23:

Umutungo w'urugaga uturuka ku misanzu y'abanyamuryango, impano, imirage, imfashanyo zinyuranye n'umusaruro ukomoka ku bikorwa by'urugaga.

Section troisième : Du Commissariat aux comptes

Article 21

L'Assemblée Générale nomme annuellement deux commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autres patrimoine de la Fédération et de lui en faire rapport.

Ils ont n'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de la fédération.

CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE DE LA FEDERATION

Article 22 :

La fédération peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

Article 23

Les ressources proviennent des contributions des membres, des dons, des legs, des subventions diverses et des revenus générés par ses activités.

Section Three: Auditing Committee

Article 21 :

The General Assembly appoints annually two auditors committed to the control at any time the management of the financial accounts and other properties of the Federation and gives report.

They have access, without carrying them outside, to the books and accounting documents of the Federation.

CHAPTER IV: THE ASSETS OF THE FEDERATION

Article 22:

The Federation may hire or own movable and immovable properties needed to realize its objectives.

Article 23:

The assets come from the contributions of the members, donations, legacies, various subsidies and revenues generated by the activities of the Federation.

Ingingo ya 24:

Urugaga rugenera umutungo warwo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zarwo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire icyo asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanwe cyangwa iyo urugaga rusheshwe.

Ingingo ya 25:

Igihe urugaga rusheshwe hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango nyarwanda bihuje intego.

UMUTWE WA V: IHINDURWA RY'AMATEGEKO N'ISESWA RY'URUGAGA

Ingingo ya 26:

Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na kimwe cya kabiri cy'abanyamuryango nyakuri.

Article 24:

La Fédération affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de ses objectifs. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de démission, d'exclusion, ou de dissolution de la Fédération.

Article 25

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de la Fédération et apurement du passif, l'actif du patrimoine est cédé à une association rwandaise poursuivant des objectifs similaires.

CHAPITRE V : DES MODIFICATIONS AUX STATUTS ET DE LA DISSOLUTION DE LA FEDERATION

Article 26 :

Les présents statuts peuvent faire l'objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue des voix, soit sur proposition du Comité Exécutif, soit à la demande de la moitié des membres effectifs.

Article 24 :

The Federation assigns its assets to all that can directly or indirectly contribute to the realization of its objectives.

No member has the right to own it or claim any share in case of voluntary resignation, exclusion, or dissolution of the Federation.

Article 25:

In case of dissolution, after inventory of movable properties and payment of debts, the remaining assets shall be transferred to a Rwandan organization pursuing similar objectives.

CHAPTER V: AMENDMENTS OF THE CONSTITUTION AND DISSOLUTION OF THE FEDERATION

Article 26:

The present constitution may be amended by the General Assembly upon absolute majority votes, upon proposal from the Executive Committee or upon request from half of the effective membership.

Ingingo ya 27:

Byemejwe ku bwinze bwa bibiri bya gatatu (2/3), Inteko Rusange ishobora guseza Urugaga.

UMUTWE WA VI: IBYEREKEYE INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 28

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'urugaga yemejwe n'Inteko Rusange.

Ingingo ya 29:

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abashinzwe urugaga bari kuri lisiti iyometseho.

Bikorewe i Kigali, kuwa 13/10/2007

Article 27:

L'Assemblée Générale, sur décision de la majorité des deux tiers (2/3) des voix, peut prononcer la dissolution de la Fédération.

CHAPITRE VI: DES DISPOSITIONS FINALES

Article 28 :

Les modalités pratiques des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de la Fédération adopté par l'Assemblée Générale.

Article 29 :

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres fondateurs de la Fédération dont la liste est en annexe.

Fait à Kigali, le 13/10/2007

Article 27:

Upon decision of the two thirds^{2/3} majority votes, the General Assembly may dissolve the Federation.

CHAPITER VI: FINAL PROVISIONS

Article 28:

The modalities of implementing the present constitution and any lacking provisions shall be determined in the internal regulations of the Federation adopted by the General Assembly.

Article 29:

The preset constitution is hereby approved and adopted by the founder members of the Federation whose list is hereafter attached.

Done in Kigali, on 13/10/2007

**LISTE DES ASSOCIATIONS MEMBRES FONDATRICES DE LA FEDERATION
RWANDAISE DE KARATE«FERWAKA»**

<u>ASSOCIATION</u>	<u>REPRESENTATION</u>	<u>SIGNATURE</u>
1. KIGALI TRADITIONAL KARATE CLUB«SAMOURAI»	Karamaga Barnabé, Représentant Légal	(sé)
2. IPPON KARATE-DO	Ndabarishye Assumani, Représentant Légal Suppléant	(sé)
3. HANTEI SHIAI	Kazeneza Theophile, Représentant Légal	(sé)
4. AIGLE KARATE-DO	Buruga Bruno Représentant Légal	(sé)

INYANDIKO MVUGO Y'INAMA YO GUSHINGA URUGAGA RW'AMASHYIRAHAMWE AKINA UMUKINO WA KARATE MU RWANDA - FEDERATION RWANDAISE DE KARATE-RWANDA KARATE FEDERATION «FERWAKA»

Nk'uko itangazo rihamagarira amashyirahamwe akina Karate mu Rwanda guhura agashinga urugaga ruyahuza ryasohotse mu kinyamakuru IMVAHO N°:1726 yo kuwa 18-14 Ukwakira 2007 ryatumizaga inama saa tatu za mu gitondo, inama nyirizina yatangiye kuri uyu muni wa 13 Ukwakira 2007 saa yine (10:00) zuzuye za mu gitondo.

Habanje gusuzumwa ibyangombwa by'abitabiriye inama bisabwa n'amategeko, bigaragara ko amashyirahamwe afite ubuzima gatozi kandi ahagarariwe n'ababihereye ububasha n'itegeko ari:

1. HANTEI SHIAI KARATE CLUB asbl, ihagarariwe na Bwana Théophile Kazenzeza
2. KTKC-SAMURAI asbl, ihagarariwe na Bwana Karamaga Barnabé
3. IPPON KARATE DO asbl, ihagarariwe na Bwana Ndabarishye Assumani
4. AIGLE KARATE DO asbl, ihagarariwe na Bwana Buruga Bruno

Abari baje aho bose bemeje ko ayo mashirahamwe avuzwe haruguru ariyo yonyine aterana. Babyemeje bamaze gosomerwa amategeko abigenga ndetse n'urwandiko rwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo n'Umuco N°: 863/22.40 rwo kuwa 28/05/2007 rwibutsa ingingo ya 10 y'Itegeko N°:05/1987 ryo kuwa 18/02/1987 ritegeka ko amashyirahamwe afite ubuzima gatozi ariyo yonyine afite uburenganzira bwo gushyiraho urugaga ruyahuza mu rwego rw'igihugu **ne peuvent être affiliés à une fédération nationale de leur discipline que les clubs ou associations ayant obtenu la personnalité juridique**

